Washington State Department of Social & Health Services
Transforming lives

ABLE BODIED ADULT WITHOUT DEPENDENTS (ABAWD)

Ibisabwa Kugira ngo Wemererwe Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa: Ibyo Ukwiye Kumenya Kugira ngo Ukomeze Uhabwe Ibyo Ugenerwa

Basic Food Eligibility Requirements: What You Need to Know to Keep Your Benefits

Ibyo ugenerwa bifite igihe bizahagarara niba nta kazi ufite

Tugufata nk'umuntu mukuru udafite abantu atunze (ABAWD) muri gahunda y'Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa.

Ushobora guhabwa ibigenerwa abahabwa Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa mu gihe cy'amezi 3 muri buri mezi 36 uramutse utujuje ibisabwa mu kazi.

Uko Wabigenza ngo Usigasire Ibyo Ugenerwa muri gahunda y'Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa

Ugomba gukora kimwe muri ibi bikurikira kugira ngo ukomeze ubone ibyo ugenerwa mu gihe kirenze amezi atatu:

- Gukora akazi k'ubukorerabushake ubinyujije muri gahunda ya Workfare [Soma Wekifeya] buri kwezi. Ibyo ugenerwa ku kwezi ni byo bigena umubare w'amasaha ugomba kugeza mu kazi k'ubukorerabushake kugira ngo ukomeze guhabwa imfashanyo y'ibanze y'ibiribwa.
- Gukora nibura amasaha 20 ku cyumweru cyangwa amasaha 80 ku kwezi.
- Kwitabira gahunda y'abakoresha cyangwa amahugurwa yemewe na Leta nka:
  - Basic Food Employment and Training (BFET) (Amahugurwa n'Akazi Bigenewe Abahabwa Imfashanyo y'Ibanze y'Ibiribwa) Ku bindi bisobanuro wajya ku rubuga www.dshs.wa.gov/bfet;
  - Resources to Initiate Successful Employment (RISE) pilot (King or Pierce counties) (Gahunda yo Kwitoza Akazi (RISE) (muri kawunti zitwa King cyangwa Pierce) Ku bindi bisobanuro wasura urubuga www.dshs.wa.gov/RISE;
  - Gahunda zivugwa mu Itegeko Rigenga Amahirwe y'Akazi ryitwa Workforce Innovation and Opportunity Act (WIOA). Ku bindi bisobanuro wasura urubuga https://www.dshs.wa.gov/esa/community-services-offices/wioa;
  - AmeriCorps VISTA; cyangwa
  - Limited English Proficiency (LEP) Pathway (Amasomo y'Icyongereza cy'Ibanze).

Intambamyi mu Kwitabira izo Gahunda

Ugomba kutwegera ukadusobanurira niba udashoboye gukora nibura amasaha 80 ku kwezi kubera ko:

- Ufite ubumuga bw'ingingo cyangwa ubwo mu mutwe;
- Ibyo ugenerwa ubihabwa biturutse muri gahunda ya Labor & Industries (L&I), Ubuyobozi bw'Ingabo Zavuye ku Rugerero (Veterans Administration) cyangwa ikigo kigenga cy'ubwishingizi bw'ubumuga;
- Uba mu buzima butakwemerera kugira akazi ukora nko kuba umaze igihe kinini utagira aho wikinga;
- Wita ku muntu udashobora kugira icyo yimarira kubera izabukuru cyangwa ubumuga;
- Witabira gahunda y'imiti igenewe abagizwe imbata n'imiti cyangwa ibiyobyabwenge;
- Warasabye cyangwa uhabwa inkunga y'ingoboka y'ubushomeri;
- Wiga mu kigo bikagutwara nibura icya kabiri cy'igihe cyawe; cyangwa
- Uhabwa ikunga y'amafaranga igenewe impunzi muri gahunda ya Refugee Cash Assistance benefits cyangwa iya Matching Grant Funds.

Ibintu ugomba gukorera imenyekanisha

Ugomba kutumenyesha niba:

- Udashoboye kuzuza amasaha asabwa mu kwezi.
- Niba akazi ukora katageza amasaha 20 ku cyumweru.
- Amafaranga yinjira mu rugo iwanyu arenze ateganywa mu itegeko WAC 388-478-0060.

Ushobora kubona ibindi bisobanuro ku bisabwa muri gahunda y'ABAWD ku rubuga www.dshs.wa.gov/abawd.

Waduhamagara kuri 1-877-501-2233 uramutse ufite ikibazo, ukeneye ubufasha bwo kubona amahugurwa, cyangwa ushaka kumenyekanisha impinduka runaka.

Ushobora gusura urubuga rwacu kuri www.washingtonconnection.org ugasaba imfashanyo, ugatanga raporo, cyangwa ukamenyekanisha impinduka.